

ITEKA RYA MINISITIRI N° 007/26/10/TC RYO KU WA 24/09/2026 RIGENA ABAGIZE KOMITE ISHINZWE POLITIKI Y'ISORESHA, IMITERERE N'IMIKORERE BYAYO	MINISTERIAL ORDER N° 007/26/10/TC OF 24/09/2026 DETERMINING THE COMPOSITION, ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE TAX POLICY COMMITTEE	ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 007/26/10/TC DU 24/09/2026 DÉTERMINANT LA COMPOSITION, L'ORGANISATION ET LE FONCTIONNEMENT DU COMITÉ CHARGÉ DES POLITIQUES FISCALES
<u>ISHAKIRO</u>	<u>TABLE OF CONTENTS</u>	<u>TABLE DES MATIÈRES</u>
<u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije	<u>Article One:</u> Purpose of this Order	<u>Article premier:</u> Objet du présent arrêté
<u>Ingingo ya 2:</u> Abagize Komite	<u>Article 2:</u> Composition of the Committee	<u>Article 2:</u> Composition du Comité
<u>Ingingo ya 3:</u> Iterana ry'inama ya Komite	<u>Article 3:</u> Holding of a meeting of the Committee	<u>Article 3:</u> Tenue de la réunion du Comité
<u>Ingingo ya 4:</u> Itumizwa ry'inama ya Komite	<u>Article 4:</u> Convening of a meeting of the Committee	<u>Article 4:</u> Convocation de la réunion du Comité
<u>Ingingo ya 5:</u> Itumirwa mu nama ya Komite ry'undi muntu ushobora kuyungura inama	<u>Article 5:</u> Invitation of a resource person to the meeting of the Committee	<u>Article 5:</u> Invitation d'une personne ressource à la réunion du Comité
<u>Ingingo ya 6:</u> Gufasha mu migendekere y'inama	<u>Article 6:</u> Facilitation of the meetings	<u>Article 6:</u> Facilitation des réunions
<u>Ingingo ya 7:</u> Uburyo ibyemezo bifatwamo	<u>Article 7:</u> Decision-making modalities	<u>Article 7:</u> Modalités de prise de décisions

<u>Ingingo ya 8:</u> Raporo ya Komite	<u>Article 8:</u> Report of the Committee	<u>Article 8:</u> Rapport du Comité
<u>Ingingo ya 9:</u> Ingingo y’ururimi	<u>Article 9:</u> Language provision	<u>Article 9:</u> Disposition linguistique
<u>Ingingo ya 10:</u> Gutangira gukurikizwa	<u>Article 10:</u> Entry into force	<u>Article 10:</u> Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI N° 007/26/10/TC RYO KU WA 24/09/2026 RIGENA ABAGIZE KOMITE ISHINZWE POLITIKI Y'ISORESHA, IMITERERE N'IMIKORERE BYAYO	MINISTERIAL ORDER N° 007/26/10/TC OF 24/09/2026 DETERMINING THE COMPOSITION, ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE TAX POLICY COMMITTEE	ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 007/26/10/TC DU 24/09/2026 DÉTERMINANT LA COMPOSITION, L'ORGANISATION ET LE FONCTIONNEMENT DU COMITÉ CHARGÉ DES POLITIQUES FISCALES
Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi; Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda; Ashingiye ku Itegeko n° 020/2023 ryo ku wa 31/03/2023 rigena uburyo bw'isoresha, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 100(2); Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 30/06/2026 imaze kubisuzuma no kubyemeza;	The Minister of Finance and Economic Planning; Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda; Pursuant to Law n° 020/2023 of 31/03/2023 on tax procedures, especially in Article 100(2); After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 30/06/2026;	Le Ministre des Finances et de la Planification Économique; Vu la Constitution de la République du Rwanda; Vu la Loi n° 020/2023 du 31/03/2023 portant procédures fiscales, spécialement en son article 100(2); Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 30/06/2026;
ATEGETSE: <u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije Iri teka rigena abagize Komite ishinzwe politiki y'isoresha, yitwa «Komite» mu ngingo zikurikira, rikanagena imiterere n'imikorere byayo.	ORDERS: <u>Article One:</u> Purpose of this Order This Order determines the composition of the Tax Policy Committee hereinafter referred to as “the Committee”, and its organisation and functioning.	ARRÊTE: <u>Article premier:</u> Objet du présent arrêté Le présent arrêté détermine la composition du Comité chargé des politiques fiscales, ci-après dénommé « le Comité », ainsi que son organisation et son

<u>Ingingo ya 2: Abagize Komite</u> Komite igizwe n’aba bakurikira: (a) Umuyobozi Mukuru ushinzwe politiki y’ubukungu muri Minisiteri y’Imari n’Igenamigambi, Perezida; (b) Umuyobozi Mukuru ufite politiki y’isoresha mu nshingano muri Minisiteri y’Imari n’Igenamigambi, Visi Perezida; (c) Abayobozi bakuru b’Ikigo cy’Imisoro n’Amahoro bafite mu nshingano ibi bikurikira: (i) imisoro y’imbere mu Gihugu; (ii) serivisi za Gasutamo; (iii)amategeko; (iv)igenamigambi; (d) umukozi mukuru uhagarariye Minisiteri y’Ubucuruzi n’Inganda;	<u>Article 2: Composition of the Committee</u> The Committee is composed of the following members: (a) the Chief Economist at the Ministry of Finance and Economic Planning, Chairperson; (b) the Director General in charge of tax policy in the Ministry of Finance and Economic Planning, Vice-Chairperson; (c) Senior managers of Rwanda Revenue Authority in charge of the following responsibilities: (i) domestic taxes; (ii) customs services; (iii)legal affairs; (iv)planning; (d) a senior official representing the Ministry of Trade and Industry;	fonctionnement. <u>Article 2: Composition du Comité</u> Le Comité est composé des membres suivants : (a) l’Économiste en Chef au Ministère des Finances et de la Planification Économique, Président; (b) le Directeur Général chargé de la politique fiscale au Ministère des Finances et de la Planification Économique, Vice-Président; (c) les cadres supérieurs de l’Office Rwandais des Recettes ayant les attributions suivantes: (i) les impôts intérieurs; (ii) les services douaniers; (iii)les affaires juridiques; (iv)la planification; (d) un haut cadre représentant du Ministère du Commerce et de l’Industrie;
---	--	---

(e) abantu babiri bahagarariye ishambi rishinzwe politiki y'imisoro muri Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi; (f) Umuyobozi w'ishambi ry'amategeko muri Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi; (g) umukozi mukuru uhagarariye Urwego rushinzwe Iterambere mu Rwanda; (h) abantu babiri bahagarariye Urugaga rw'Abikorera; (i) abantu babiri bahagarariye Ihuriro ry'imiryango nyarwanda itari iya Leta iharanira inyungu z'abaturage; (j) umukozi ushinze isesengura rya politiki y'imisoro muri <i>Rwanda Finance Ltd.</i> <u>Ingingo ya 3: Iterana ry'inama ya Komite</u> (1) Inama isanzwe ya Komite iterana rimwe mu gihembwe mu gihe inama idasanzwe iterana igihe cyose bibaye ngombwa.	(e) two representatives from the department in charge of tax policy in the Ministry of Finance and Economic Planning; (f) the Head of legal affairs in the Ministry of Finance and Economic Planning; (g) a senior official representing Rwanda Development Board; (h) two representatives of the Private Sector Federation; (i) two representatives of the Rwanda civil society platform; (j) the tax policy analyst in Rwanda Finance Ltd. <u>Article 3: Holding of a meeting of the Committee</u> (1) An ordinary meeting of the Committee is held once a quarter while an extraordinary meeting is held whenever necessary.	(e) deux représentants du département chargé des politiques fiscales au Ministère des Finances et de la Planification Économique; (f) le Chef des affaires juridiques au Ministère des Finances et de la Planification Économique; (g) un haut cadre représentant l'Office pour la Promotion du Développement au Rwanda; (h) deux représentants de la Fédération du Secteur Privé; (i) deux représentants de la plateforme rwandaise de la société civile; (j) l'analyste de la politique fiscale au <i>Rwanda Finance Ltd.</i> <u>Article 3: Tenue de la réunion du Comité</u> (1) Une réunion ordinaire du Comité a lieu une fois par trimestre tandis qu'une réunion extraordinaire se tient chaque fois que nécessaire.
--	--	--

(2) Umubare wa ngombwa kugira ngo inama ya Komite iterane ni bibiri bya gatatu by'abayigize cyangwa ababahagarariye. icyakora iyo umubare wa ngombwa utabonetse, hatumizwa indi nama mu minsi irindwi ku nama isanzwe, n'iminsi itatu ku nama idasanzwe.	(2) The quorum for a meeting of the Committee is two thirds of its members or their representatives. However, in case the quorum is not reached, the meeting is convened again within seven days for an ordinary meeting, and three days for an extraordinary meeting.	(2) Le quorum pour la réunion du Comité est de deux tiers de ses membres ou de leurs représentants. Toutefois, lorsque le quorum n'est pas atteint, la réunion est convoquée de nouveau dans les sept jours pour la réunion ordinaire, et trois jours pour une réunion extraordinaire.
<u>Ingingo ya 4: Itumizwa ry'inama ya Komite</u> (1) Inama ya Komite itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida wa Komite cyangwa Visi Perezida wayo, iyo Perezida adahari. (2) Perezida wa Komite ashyikiriza inyandiko zigomba kuganirwaho abagize Komite hasigaye nibura iminsi itatu y'akazi ngo inama iterane.	<u>Article 4: Convening of a meeting of the Committee</u> (1) The meeting of the Committee is convened and chaired by the Chairperson of the Committee or by the Vice-Chairperson, in case of absence of the Chairperson. (2) The Chairperson of the Committee submits the working documents to members of the Committee at least three working days before the meeting.	<u>Article 4: Convocation de la réunion du Comité</u> (1) La réunion du Comité est convoquée et présidée par le Président du Comité ou le Vice-Président, en cas d'absence du Président. (2) Le Président du Comité soumet les documents de travail aux membres du Comité au moins trois jours ouvrables avant la réunion.
<u>Ingingo ya 5: Itumirwa mu nama ya Komite ry'undi muntu ushobora kuyungura inama</u> Komite, ibinyujije kuri Perezida wayo ishobora gutumira mu nama yayo undi muntu ibona ko ashobora kuyungura inama	<u>Article 5: Invitation of a resource person to the meeting of the Committee</u> The Committee may, through its Chairperson, invite to its meeting any resource person from who it may seek	<u>Article 5: Invitation d'une personne ressource à la réunion du Comité</u> Le Comité peut, par le biais de son Président, inviter à sa réunion toute personne ressource dont il peut obtenir des

ku ngingo runaka iri ku murongo w'ibyigwa. Icyakora, uwatumiwe mu nama ya Komite ntiyemerewe gutora mu gihe cy'ifatwa ry'ibyemezo kandi agira uruhare gusa mu biganire bireba ingingo yasabweho inama.	advice on a certain item on the agenda. However, the invited person is not allowed to vote at the time of decision-making and they only contribute to the discussion on items for which advice is sought.	conseils sur un point quelconque inscrit à l'ordre du jour. Toutefois, la personne invitée n'est pas autorisée à voter au moment de la prise de décision et elle ne contribue qu'à la discussion sur les points pour lesquels des conseils lui sont demandés.
<u>Ingingo ya 6:</u> Gufasha mu migendekere y'inama	<u>Article 6:</u> Facilitation of the meetings	<u>Article 6:</u> Facilitation des réunions
(1) Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi ifasha mu migendekere myiza y'inama za Komite itanga ibikenewe kugira ngo inama zigende neza. (2) Uwitabiriye Inama ya Komite ahabwa insimburamubyizi ingana n'ihabwa ugize komite y'Inama y'Ubuyobozi mu rwego rwa Leta.	(1) The Ministry of Finance and Economic Planning facilitates meetings of the Committee with the necessary means to operate. (2) An attendee of the Committee meeting receives sitting allowances equivalent to those received by a member of a committee of a Board of Directors in a State organ.	(1) Le Ministère des Finances et de la Planification Économique facilite les réunions du Comité avec les moyens nécessaires à son fonctionnement. (2) Un participant à la réunion du Comité reçoit des jetons de présence équivalents à ceux alloués à un membre d'un comité du Conseil d'administration au sein d'un organe de l'État.
<u>Ingingo ya 7:</u> Uburyo ibyemezo bifatwamo	<u>Article 7:</u> Decision-making modalities	<u>Article 7:</u> Modalités de prise de décisions
Ibyemezo bya Komite bifatwa mu bwumvikane busesuye. Iyo ubwumvikane busesuye budashobotse, ibyemezo bifatwa biciye mu nzira y'itora, ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu by'abitabiriye inama.	Decisions of the Committee are taken by consensus. If consensus cannot be reached, decisions are taken by a two-thirds majority vote of members present.	Les décisions du Comité sont prises par consensus. À défaut de consensus, les décisions sont prises par voie de vote à la majorité des deux tiers des membres présents.

<u>Ingingo ya 8: Raporo ya Komite</u> Komite ishyikiriza Minisitiri ufite imari mu nshingano raporo ya buri gihembwe y'ibikorwa byayo.	<u>Article 8: Report of the Committee</u> The Committee submits a quarterly report of its activities to the Minister in charge of finance.	<u>Article 8: Rapport du Comité</u> Le Comité soumet un rapport trimestriel de ses activités au Ministre ayant les finances dans ses attributions.
<u>Ingingo ya 9: Ingingo y'ururimi</u> Iri teka ryateguwe mu rurimi rw'Ikinyarwanda.	<u>Article 9: Language provision</u> This Order was drafted in Ikinyarwanda.	<u>Article 9: Disposition linguistique</u> Le présent arrêté a été rédigé en Ikinyarwanda.
<u>Ingingo ya 10: Gutangira gukurikizwa</u> Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	<u>Article 10: Entry into force</u> This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	<u>Article 10: Entrée en vigueur</u> Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, 24/09/2026

(sé)

MURANGWA Yusuf

Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi
Minister of Finance and Economic Planning
Ministre des Finances et de la Planification Économique

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel

Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux